**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'UBUTABERA**
**P.O. BOX 160 KIGALI**

**UBUTUMWA BWA MINISITIRI W'UBUTABERA/INTUMWA NKURU YA LETA MU MUHANGO WO KURAHIZA ABAHESHA B'INKIKO NA BA NOTERI KUWA 03/10/2019**

Bwana Perezida w'Urugaga rw'abahesha b'nkiko b'umwuga;

Bahesha b'inkiko na ba Noteri mumaze kurahira;

Mbanje kubasuhuza no kubashimira kuba mwemeye kurahirira imirimo myiza yo gutanga serivisi z'ubutabera, baba abarahiriye gukora umurimo w'ubuhesha bw'inkiko cyangwa uw'ubunoteri.

Mu Rwanda dufite ibyiciro by'abahesha b'inkiko bibiri: Abahesha b'inkiko b'umwuga, ubu mumaze kuba 500 dushyizemo namwe mumaze kurahira, Abahesha b'inkiko batari ab'umwuga hakaba harimo abayobozi b'inzego z'ibanze ku rwego rw'Utugari, Imirenge n'Uturere ndetse n'abandi bo mu bigo bya Leta, Itegeko rigenera ubwo bubasha. Dufite kandi ibyiciro by'abanoteri bibiri: ba noteri ba Leta na ba Noteri bigenga. Ba Noteri bigenga rero nyuma y'umwaka umwe bahawe izo nshingano bakaba bamaze kugera ku 152 dushyizemo namwe mumaze kurahira.

**Bahesha b'inkiko**;

Umurimo murahiriye, ni umurimo ufite uruhare runini mu itangwa ry'ubutabera, kuko ntawavuga ko ubutabera bwatanzwe mu gihe imanza n'izindi nyandikompesha bitashyizwe mu bikorwa neza kandi mu gihe gito.

Hari ubwo rero abarebwa n'imanza cyangwa izindi nyandikompesha badashyira mu bikorwa ku neza ibyo basabwa, uko kwinangira kugatuma mwitabazwa ngo mubishyire mu bikorwa ku gahato. Mufite inshingano rero ikomeye, yo gutanga ubutabera byanze bikunze, n'ubwo haba hari utabishaka, kandi nimubikora neza, muzaba mugaragaje uruhare rwanyu mu gukomeza kubaka igihugu kigendera ku mategeko.

Gukora kinyamwuga mwubahiriza ibiteganywa n'amategeko, munabumbatira indangagaciro yo kwanga umugayo, niyo ntwaro ikomeye izatuma mukora uyu murimo mumaze kurahirira mu buryo no mu nzira bitanga ubutabera. Ibyo nibyo abanyarwanda ndetse n'Igihugu babatezeho.

Hari bamwe mu babatanze kwinjira muri uyu mwuga bagaragaweho n'amakosa ndetse n'ibyaha bitandukanye, ibyo bikanduza isura nziza u Rwanda n'Abanyarwanda bari biteze ku murimo mwiza mumaze kurahirira. Mwe rero twizeye neza ko muzaba intangarugero mu kunoza neza uyu murimo.

Amwe mu makosa yakunze kugaragara ku bahesha b'inkiko baba ab'umwuga n'abatari ab'umwuga harimo:

- ✓ Kwakira ubwishyu bw'abakiliya babo ntibabugeze kubo bugenewe;
- ✓ Kutabashyikiriza inyandiko bakwiye guhabwa;
- ✓ Gushakira indonke mu gutesha agaciro imitungo igurishwa mu cyamunara;
- ✓ Kudashishoza n'ibindi bikorwa n'imyitwarire igayitse.

**Ba noteri mumaze kurahira;**

Mu rwego rwo kurushaho kunoza no kwegereza serivisi za notariya abaturage, Leta y'u Rwanda yahaye bamwe mu bakozi ba Leta baba abakorera mu nzego z'ibanze baba n'abakorera ku rwego rw'Igihugu mu Bigo bya Leta na Minisiteri ububasha bwo gukora umurimo w'ubunoteri. U Rwanda by'umwihariko, n'abaturage muri rusange babatezeho kunoza serivisi ya notariya muzirikana ko umuturage ari ku isonga ry'iterambere ry'Igihugu n'iryanyu bwite.

Mwe mumaze kurahirira uyu murimo rero, muje musanga abandi bawumazemo igihe, mukaba mufite inshingano yo kuwunoza mukurikiza amategeko, mugira ubushishozi kandi mukarangwa n'ubwangamugayo byo shingiro ryo gukora kinyamwuga. Hari bagenzi banyu batangiye uyu murimo mbere yanyu bagiye bagaragarwaho n'amakosa n'ibyaha bitandukanye, ndetse bamwe bikabagiraho ingaruka zo kwirukanwa mu kazi ndetse no gufungwa.

Amwe mu makosa n'ibyaha byagiye bigaragara kuri bamwe mu banoteri baba abigenga cyangwa aba Leta harimo:

- ✓ Guhimba inyandiko bafatanyije na bamwe mu bakiliya ba za Banki;
- ✓ Kudakurikiza amategeko;
- ✓ Kudashishoza n'izindi ngeso zihabanye n'imyitwarire ya kinyamwuga. Abo nta mwanya bafite mu rugamba rwo kunoza imitangire ya serivisi.

By'umwihariko ba noteri ba Leta mukwiye kumenya ko umurimo wa notariya atari umurimo w'inyongera, ahubwo ari umurimo ugomba guhabwa agaciro nk'indi yose, mukawukora mudasiragiza ababagana ndetse mukirinda ruswa n'indonke iyo ari yo yose.

Ba Noteri bigenga, ndabibutsa ko uyu mwuga ukorwa n'uwawurahiriye gusa, kuko hari umwe mu babanjirije wafashwe awukoresha atarawurahiriye. Gukora uyu mwuga rero, bijyana no kuba warabiherewe ububasha mu buryo no munzira biteganywa n'amategeko nk'uko uyu munsi mubuhawe.

Mwebwe rero mumaze kurahira, nk'uko izi nshingano muzihawe na Leta y'u Rwanda, Minisiteri y'Ubutabera ntizahwema kubagira inama ndetse no kubafasha kugira ngo murusheho kunoza imitangire ya serivisi zo kurangiza inyandikompesha na serivisi za notariya.

Sinasoza ntongeyeye kubibutsa ko tutazihanganira na rimwe umuntu uzahesha isura mbi imirimo mumaze kurahirira akora ibidakwiye, kuko icyo Ubuyobozi bw'Igihugu cyacu bwimirije imbere ari inyungu rusange z'abaturage ziganisha ku mibereho myiza n'iterambere ryabo.

Mbifurije imirimo myiza no gutera imbere muri byose.

**Mugire amahoro!**